IJAMBO RYA VC/RP MU GIKORWA CYO GUTAHA "NYABIHU TVET SCHOOL & RWANDA CODING ACADEMY"

Nyakubahwa Minisitiri w'Uburezi,

Nyakubahwa Minisitiri w'Ikoranabuhanga no guhanga udushya,

Nyakubahwa muyobozi wa WDA

Nyakubahwa muyobozi wa RISA

Ba Nyakubahwa bayobozi muhagarariye Ingabo na Polisi,

Nyakubahwa muyobozi uhagarariye PSF,

Nyakubahwa Mayor w'akarere ka Nyabihu,

Bafatanya bikorwa muri hano mwese,

Babyeyi, Barimu namwe banyeshuri ,

Bayobozi mwese muri hano,

Bashyitsi bahire , MURAHO ??!!

1. **Mbanje kubasuhuza mbifuriza ikaze kuri uyu munsi udasanzwe wo gutaha iri shuri nya Nyabihu TVET School na Rwanda Coding Academy ! Iki ni igikorwa**

Cy'indashyikirwa ! Ndabashimira cyane kandi kubwo kwitabira iki gikorwa.

2. **Uyu ni umunsi w'ibyishimo bidasanzwe kuko twaje kwishimira igikorwa kidasanzwe tumaze kugeraho mu rwego rwo guteza imbere Imyuga n'ubumenyingiro (TVET)**
3. **Iri Shuri ry'Imyuga rya Nyabihu na Rwanda Coding Academy ryubatswe mu rwego rwo kongerera amahirwe abanyarwanda cyane cyane abatuye mu karere ka Nyabihu kugira bige neze ubumenyingiro buzabafasha kubona akazi no kwihangira imirimo.**

4. **Nk'uko mubizi, leta y'U Rwanda yihaye intego yo guhanga imirimo mishya ingana n'ibihumbu Magana abiri na mirongo ine na kimwe buri mwaka (241,000) nk'uko bigaragara muri gahunda ya Guverinoma y'imyaka irindwi. Uwo muhigo ntabwo wagerwaho, hatabayeho kongera umubaye w'amashuri yigisha ubumenyingiro bukenewe kwisoko ry'umurimo.**

5. **Iyi "Nyabihu TVET school" ni rimwe mu mashuri 342 ari mu gihugu, yose yubatswe hagamijwe kongerera amahirwe**

abanyarwanda bose, cyane cyane urubyiruko guhangana ku isoko ry'umurimo haba imbere mu gihugu ndetse no hanze ya cyo.

6. **By'umwihariko, iyi Nyabirihu TVET school na Coding Academy ryatangiranye abana bagera kuri 189, muri bo, abagera kuri 60 biga muri gahunda ya ICT muri Coding Academy program. Iri shuri kandi rifite abakozi 24 harimo 8 bakora muri gahunda ya Rwanda Coding academy. Turizera ko imibare y'abanyeshuri izagenda yiyongera buri mwaka. Mubyo ishuri ryigisha harimo :**
    a. **Food Processing (Gutunganya ibiribwa)**
    b. **Culinary Arts (Ubutetsi)**
    c. **Welding (Gusudira)**
    d. **Leather crafts (Gutunganya ibikomoka ku mpu)**
    e. **Software Development and Cyber Security**

Ba Nyakubahwa bayobozi, bashyitsi bahire,

7. **Dushimire Intore izirusha intambwe, Perezida wa Repubulika , Paul Kagame watwemereye iri shuri none tukaba turitashye ku mugaragaro.**

Mumfashe tumushimire cyane (Amashyi n'impundu)

8. **Twongere dushimire kandi abafanyabikorwa bose batandukanye bagize uruhare kugirango iri shuri ryubakwe, cyane cyane Swiss Development Cooperation (SDC).**

9. **Ndarangiza nshishikariza abanyarwanda cyane cyane abatuye muri aka karere ka Nyabihu, kohereza abana muri mu mashuri y'Imyuga kugirango bahakure ubumenyi buzabafasha kwiteza imbere no kwiyubakira igihugu !**

10. **Mu rwego rwa Rwanda Polytechnic mpagarariye, ndakomeza kubizeza ubufatanye n'ubuvugizi no gukora ibishoboka byose kugirango iri shuri rikomeze gutera imbere mu gutanga ubumenyingiro bukenewe ku Isoko ry'umurimo.**

- **Ba Nyacyubahiro muteraniye hano,**
- **Batumirwa mwese,**

Ndabashimiye, kandi mukomeze mugire umunsi mwiza n'ibirori byiza !

Murakoze, mugire amahoro y'Imana !